GUTABAZA YESU MU BYO DUKENEYE BYIHUTIRWA

Icyumweru cya 7 - Iminsi 100 yo Gusenga

Gicurasi 8 - 14 Gicurasi 2020

ICYIZA CYANE DUKWIRIYE KUGIRA

Bya Ron Clouzet

Mu mwaka wa 2001, nari hafi yo gupfa. Umuganga wari mu buvuzi bwihutirwa (Emergency) yavuze ko haburaga amasaha atatu ngapfa. Nanduye malariya yari ikomeye mu gihe nari mu mavuna y'ivugabutumwa hamwe n'abanyeshuri banjye bo muri Afurika y'uburengerazuba. Ibimenyetso byagaragaye nyuma y'iminsi mike nsubiye muri Leta zunze ubumwe z'Amerika. Nahindaga umuriro mwinshi kandi nari mfite n'umwuma ndetse n'umutwe warandyaga cyane.Numvaga ndwaye cyane. Natekereje ko ngiye kuva ku isi kandi ko ku munota uwo ariwo wose napfa. Mu gihe ibimenyetso byagaragaraga, nari kure y'umurimo w'itorero. Nihutiye kujya ku kibuga cy'indege kugira ngo nsubire iwacu mu rugo, nasabaga Imana kumfasha gusubira iwacu no mu bibasha kuba byakurikiraho. Naribwiraga nti ndamutse mpfuye byaba byiza bibaye maze kugera mu rugo.

Umugore wanjye yahise anjyana ku bitaro mu cyumba cy'indembe. Icyo gihe, ibitekerezo byanjye ntibyari ku murongo.Nabonaga ibintu nk'urebera mu birorirori kandi iyo nanywaga amazi nahitaga nyaruka. Bansunitse mu igare banjyana mu cyumba cy'indembe namaze kujya muri koma.Mu gihe nagaruraga ubwenge, ndibuka ko numvaga ubuzima bugenda bugaruka buhoro buhoro. Buri munota wasaga nk'ungana n'isaha na buri saha yanganaga nk'umunsi. Ndibuka umugore wanjye Lisa, yazanye abana bacu.Muri icyo gihe umwe yari afite imyaka14 undi 12 n'undi 10 y'ubukuru.Nabonaga barira bucece. Ndibuka abaforomo n'abandi

bansuzumaga hagamijwe gusa kureba umurwayi wa malariya; ndwara idakunze kuboneka muri Leta zunze ubumwe z'Amerika.

Byagaragaraga neza rwose ko ngiye gupfa. Nyuma naje kumenya ko ubu bwoko bwa malariya bukomeye cyane. Bwasaga rwose nk'aho bwakwica.Ikindi naje kumenya ni uko iyo uramutse uyirokotse ukabaho, ibimenyetso byayo ntibizongera kugaragara keretse wongeye kwandura. Abantu benshi batangiye gusenga. Umugore wanjye n'abana bacu barasengaga. Ababyeyi banjye n'abandi bagize umuryango barasengaga. Bagenzi banjye twakoranaga muri kaminuza y'Abadiventisti y'amajyepfo aho nigishaga barasengaga. Abanyeshuri banjye nigishaga barasengaga. Inshuti zanjye zaturutse mu mpande zitandukanye z'isi zarasengaga. Ikindi kandi umubare w'abapasitoro bavuye hirya no hino mu gihugu warasengaga. Narabaze nsanga nibura abantu bagera ku 2000 baransengeraga muri iyo minsi y'uburwayi, ariko kubikora ntibyari byoroshye. Imiti ifite ubushobozi bwo kunkiza ntayari ihari. Inshuti zanjye z'abaganga zatangiye gushyira igitutu ku baganga b'ibitaro ngo banjyane ahandi vuba na vuba kugira ngo batandangarana. Ku iherezo, umuti wa kinine waje kuboneka muri Atlanta kandi bashoboye kugira iyo babona. Kinine ni imiti yakoreshwaga kera mu kuvura malariya n'izindi ndwara mbi cyane, ariko ntigikoreshwa cyane muri iki gihe. Ni imiti yica buhoro buhoro kandi ishobora kugira ingaruka zikomeye. Ariko ivura malariya. Nyuma y'amasaha mirongo ine n'umunani nakiriwe mu bitaro, nahawe kinine, ariko nyweye iyo miti ntacyo byatanze nk'uko twari twiteze ibitangaza byayo. Hashize umunsi umwe, ku Isabato, nari ndwaye cyane mu buryo butigeze kubaho.

Mu gihe cyanjye gikomeye cy'uburwayi, nanjye narasengaga ariko isengesho ryanjye ryari ugushima kuruta gutanga ibyifuzo. Nari naramaze gushyira ubugingo bwange mu biganza by'Imana kandi niteguye kuvuga ngo murabeho niba aricyo

gihe cyanjye cyari kigeze cyo kugenda. Gusa icyo nicuzaga kandi ngasengera kwari ugusiga umugore wanjye n'abana batatu bakiri bato kandi batagira se. Ariko ibyo nabyo, byari mu biganza yImana. Nari mfite amahoro nizera ko byose bishobora kuba byiza.

Ku isabato Nyuma ya saa sita, bagenzi banjye twakoranaga kuri Kaminuza na Pasitoro w'itorero mbarizwamo barazanye baje gukora umuhango wo gusigwa kw'abarwayi, bongera kunsengera nk'uko Ibyanditswe bivuga muri (Yakobo 5: 13-15). Muri iryo joro, Lisa umugore wanjye yagumanye nanjye ijoro ryose. Yatinyaga rwose ko iryo joro ryaba umunsi wanjye wa nyuma.

Bukeye bwaho saa kumi n'imwe za mu gitondo, umuforomokazi yaje gufata amaraso nk'uko babikoraga buri gitondo.Nyuma y'amasaha ane, inzobere mu kuvura yaje mu cyumba cyanjye. Nibwo bwa mbere nashoboye kubyuka nkicara. Yambwiye ko badashobora kubona ibimenyetso bya malariya mu mikorere y'umubiri wanjye. Mu buryo runaka, ibimenyetso byose byari byagiye. Yavuze kandi atangaye cyane ko imiti yakoze umurimo ukomeye kandi mwiza mu buryo bwihuse Nanone naje kumenya neza indi mpamvu yatumye nkira malariya. Byatewe n'amasengesho y'inshuti zanjye; amasengesho y'abantu bejejwe. Imana mu buntu bwayo yemeye kunkiza.Ndizera ko ari ukubera ko abantu bayo bansabiye.

"Impuhwe z'Umukiza wacu ziracyariho kugeza na n'ubu kandi afite ubushake bwo gutegera amatwi isengesho risenganywe kwizera nk'igihe yajyaga agenderera abantu mu buryo bugaragara. Ni kimwe mu bigize umugabane w'ibyo Imana iduha mu gisubizo cy'isengesho risenganywe kwizera, ibyo atari kuduha tutabisabye**.** " (Great Controversy, p. 525) Yesu ntabwo yari akeneye kunkiza. Nta kintu yangombaga. Njye namugombaga byose ndetse kugeza ubu. Ariko yarankijije.

Ntabwo ubuzima bwose buruhije duhura nabwo busoza mu buryo bumwe ariko Imana ikiza ntihinduka.Ntacyo ishingiraho, ni iyo kwizerwa. Ishobora gushimirwa mu buryo ubwo aribwo bwose kandi azasubiza amasengesho yacu mu buryo budashobora kwangiza Ubugingo bwacu. Ibyo twakiriye byose bikomotse ku Mana ni byiza tugomba kubyakira.

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Mbese wizera ko Imana ishobora gukiza indwara z'ubwoko bwose harimo kandi cyane cyane n'ubwandu bw' icyaha? Mbese Ubuzima bwawe wabweguriye Imana muri iki gihe? Mbese ufite amahoro akomoka ku Mana muri aka kanya?

IMBOGAMIZI TUGOMBA KUZIRIKANA

Indwara ni kimwe mu bibazo byangije iyi isi.Nta muntu n'umwe utekanye kubera zo ariko dufite amahitamo mu buryo tuzinyuramo. Dushobora kwomatana na Yesu mu gihe dufite ibyo dukeneye, tugasenga dusaba gukira mu by'umwuka no mu by'umubiri kandi tukaruhuka dufite kwizera ko ingaruka zose ziterwa n'uburwayi, uko zamera kose igihe cyose tuzahanga amaso yacu kuri Kristo tuzabaho mu mahoro. Kugira kwizera gushikamye mu bihe by'uburwayi bitangirana no kwizera mu bihe ufite ubuzima bwiza. Mbese ntiwahitamo kumwizera uyu munsi? Waba wemera kwakira ndetse n'urupfu uzi neza ko vuba aha indwara zose zizakira mu gitondo cy'umuzuko ku bantu bose bapfuye bizera?

"Umwami wacu Yesu Kristo yaje kuri iyi si nk'umukozi utarambirwa mu byo umuntu akeneye.'Yafashe intege nke zacu, yishyizeho uburwayi bwacu bwose'

kugira ngo abashe gukemura ibyo inyoko-muntu yari ikeneye.Umutwaro w'indwara n'ububi bw'icyaha yaje kubikuraho. Mu Kuza kwe, umurimo wari umuzanye wari uwo kwongera kurema umuntu bundi bushya; Yaje kuduha ubuzima n'amahoro no kugira ngo tugire imico itunganye. "

Ministry of Healing, p.17

Umunsi wa 43 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatandatu w'isabato, 8 Gicurasi 2020

RAPORO YO GUSHIMIRA

Brittney (Soma Buritini) na Vanessa B. Baravuze bati: "Itorero ryacu ryatangiye kujya rihurira ku murongo w'ikoranabuhanga buri joro kugira ngo dusenge. Ibi byatumye abantu bose bagirana umushyikirano usesuye kuko tubonana buri munsi. Uwo rero watubereye umugisha! "

Mico F. yaravuze ati: "Iki gihe turimo cyadufashije kumenya ko itorero atari uko ryubatse, ahubwo twamenye ko itorero ari abantu!"

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira amatorero yapfushije abizera bitewe n'icyorezo cya COVID-19.
2. Gusabira abizera b'itorero bahanganye n'ibibazo by'uburwayi twavuga nka kanseri, indwara zirwanya ubwirinzi bw'umubiri, kwiheba n'ibindi bibazo.

3. Gusabira abizera bahoze mu itorero ry'Abadiventiste ubu bakaba baravuyemo batakiza gusenga. Sabira abantu b'aho abo Bantu batuye kuko byatumye bajya Kure y'Imana bitewe n'abo bari abizera.
4. Gusabira abizera bashya binjiye mu itorero binyuze mu mavuna y'ivugabutumwa ya TMI mu myaka yose ishize.

Umunsi wa 44 - Kwibanda ku masengesho - Isabato, 9 Gicurasi 2020

Kumenya Yesu

"Ubu nibwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ariwe Yesu Kristo" - Yohana 17: 3

"Kristo yaje kumenyesha abatuye isi yose Imana y'urukundo, yuzuye imbabazi, ifite kugira neza kwinshi n'impuhwe. Satani yagerageje kugotesha umwijima w'icuraburindi intebe y'Imana ariko watamuruwe n'umucunguzi wacu maze Imana Data yongera kwigaragariza abantu nk'umucyo w'ubugingo. " - 5T 738.4

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Ubugingo bw'iteka ntabwo ari ukubaho iteka gusa, ahubwo Ubugingo bw'iteka ni ugukomeza gushimangira isano y'urukundo ufitanye n'Imana. Mbese waba uzi byinshi kuri Yesu cyangwa waba umuzi ku giti cyawe nk'umukiza wawe n'inshuti yawe magara?

Kuki utatangira uyu munsi guharanira kuzabona Ubugingo bw'iteka kugira ngo Kristo arusheho kukwigaragariza mu buryo bwimbitse mu gihe umara umwanya

usenga, wiga Ijambo ry'Imana unasangira urukundo rw'Imana ndetse n'ukuri n'abandi Bantu bagukikije?

RAPORO YO GUSHIMA

Thierry T. (Soma: Tsiyeri T) yaravuze ati: "Ndi gufatanya 'iminsi 100 yo gusenga' n'inshuti zanjye zigera kuri 90. Nabashije kandi kwigana igitabo cy'intambara ikomeye n'abantu bose narimfitanye nabo ubucuti. Umuntu umwe utari Umudiventiste yansabye ko twakwigana ubuhanuzi bwa Daniyeli n'Ibyahishuwe. "

Gloria D.: (Soma: Goloriya D) Yaravuze ati: "Imana yaduhaye umugisha wo kubasha gutanga ibiribwa muri iki gihe cy'icyorezo."

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abizera ku isi yose batangiye gahunda yo kubwiriza ubutumwa bwiza bakoresheje uburyo bwa gicuti
2. Gusabira abaturage bo muri Figi n'abo ku kirwa cya Vanuwetu bibasiwe n' inkubi y'umuyaga.
3. Gusabira ibigo byacu by'amashuri ku isi yose. Basabire kugira ngo bashobore kubona uburyo bwo gutanga inyigisho z'uburere bwa gikristo binyuze mu masomo yigishwa hakoreshejwe ikoranabuhanga n'ubundi buryo. Basabire kugira ngo bashobore gukomeza gufasha abanyeshuri gukomeza kurangwa n'iby'umwuka kandi ngo bashobore kuguma gucunga neza umutungo.

Umunsi wa 45 - Kwibanda ku masengesho – Kuwa mbere w'isabato, Gicurasi 10, 2020

Umurimo wa Yesu

"Nubwo dufite umutambyi mukuru ukomeye wagiye mu ijuru ariwe Yesu Umwana w'Imana, dukomeza ibyo twizera tukabyatura. Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha. Nuko rero twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone Ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye. " **-Abaheburayo 4: 14-16**

"Umwana w'Imana yashohoje ibyo yasezeranye kandi yinjiye mu ijuru kugira ngo ayobore ingabo zo mu ijuru. Yashohoje icyiciro cya mbere cy'umurimo w'ubutambyi igihe yapfaga urupfu rwo ku musaraba kubera inyoko-muntu yacumuye. Ubu ari gusohoza ikindi cyiciro atuvuganira imbere ya Data ku kibazo cyerekeranye no kwihana, kwizera k'umunyabyaha no kwereka Imana amaturo atuwe n'abantu bayo. Uwo kandi nubwo yafashe kamere-muntu, yatsinze ibishuko by'umwanzi kandi akimara kugira ubutungane mvajuru yahawe kuba umucamanza w'abatuye isi yose. Ibyo buri muntu wese yakoze bizasuzumirwa imbere ye mu rubanza. Azacira abantu imanza buri muntu wese agororerwe ibihwanye n'imirimo yakoze. "

Manuscript 42, 1901

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Yesu yabaye umuntu, arapfa, arazuka kandi ubu ahagaze ahera mu buturo bwo mu ijuru nk'uhagarariye abantu bose bamweguriye Ubugingo bwabo. Mu gihe usenga,

agutegera amatwi. Iyo usabye imbabazi z'ibyaha no gutsinda arakumva kandi azaguha imbaraga zose ukeneye kugira ngo ubashe gutsinda.

Mu gihe turi muri iki gihe cy'urubanza, mbese waba warakiriye Yesu Umutambyi mukuru w'umunyampuhwe, Umuvugizi wawe nk'uko tubisoma mu (1Yohana 2: 1)? Wigeze ubona ubuhungiro mu gukiranuka kwe? Ntuzamureke. Reka akugotere mu gukiranuka kwe gusa ndetse azanakuzuza gukiranuka kwe uko ukora imirimo yaguteganyirije (Abefeso 2:10)?"Kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.

RAPORO YO GUSHIMIRA

Sheril M (Soma Sherili M) yaravuze ati: "Ndashimira Imana! Aya masengesho y'iminsi 100 yatumye nkomera mu kwizera muri ibi bihe biruhije. "

Rose S. yaravuze ati: "Bitewe n'iki cyorezo 'imbaraga zacu z'amasengesho yo mu itsinda ryacu' yarushijeho gukwira ahantu henshi kandi dufite igihe kinini cyo gusengera hamwe, inshuro 5-6 buri munsi!"

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abatagira aho baba bo mu turere twose two ku isi bategera amakiriro ku bufasha bw'abaturage bafite ubushobozi ariko ubu bakaba batabona ibyo bakeneye kubera gahunda ya guma mu rugo.
2. Gusabira abageze mu zabukuru baba mu bigo badashobora guhura n'imiryango yabo muri iki gihe cy'icyorezo cya coronavirus. Sabira abantu

bari ku rugamba rwo guhangana n’ ibibazo by’indwara zo gutakaza ubwenge kandi bari mu rujijo cyane cyane muri iki gihe cy’icyorezo cya coronaavirus.

3. Gusabira imiryango y’abashakanye muri iki gihe babanye mu buryo bwo gushyiranaho igitugu. Sabira abo bashakanye kugira ngo babashe kubona ubufasha bwo gukira no guca bugufi mu gihe bahanze amaso kuri Yesu.

Umunsi wa 46 - Icyerekezo cy'amasengesho - Ku wa Kabiri w’isabato 11 Gicurasi 2020

Urukundo rwa Yesu

“Uko Data yankunze niko najye nabakunze.Nuko rero mugume mu rukundo rwanjye” **Yohana 15: 9**

“Ngomba, nindamuka mbonye agakiza ko kuzajya mu bwami bw'Imana, nzarushaho gusobanukirwa neza na gahunda y’inama y’agakiza. Abera bazacungurwa bazabona kandi bishime mu buryo butigeze kubaho urukundo rwa Data n'Umwana n'indirimbo zo guhimbaza zizaririmbwa n’abantu bafite indimi zitagipfa. Yaradukunze.Yemeye kutwitangira. Yeza Ubugingo bwacu, afite ubushobozi butarondoreka, yeza imitima yacu.N’iminwa itanduye tuzaririmba ubutunzi bw’urukundo rw’uwaducunguye. ”

Letter 27, 1890

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Imana ni urukundo. Niyo yatangije urukundo. Ntabwo hashobora kubaho urukundo nyarukundo rwejejwe cyane kurushaho nk'urukundo rukomoka ku Mana. Niba Yesu adukunda nk'uko Data wa twese akunda Yesu, ni iki mu buryo bushoboka gishobora kudukurura cyane kuruta kubana na we mu mushyikirano usesuye? Urukundo rwa Yesu ni ntagereranywa.

Mbese muri iki gihe haba hari ibintu mu buzima bwawe ukunda cyane ukabirutisha Yesu? Haba hari ikintu cyaba cyaragutwaye umutima?

Saba Yesu agushyiremo urukundo rutunganye nk'urwo yadukunze. Ni kuki utahitamo uyu munsi kwemera kwakira uru rukundo rwa Kristo mu mutima wawe ngo urushyire ku ruhembe rw'imbere rwo kukubashisha urugendo rwo kwizera?

RAPORO YO GUSHIMA

Ibihugu bimwe na za leta zimwe na zimwe zo muri leta zunze ubumwe z'Amerika zatangiye kwongera gufungura ubucuruzi ariko hari amabwiriza agomba gukurikizwa.

Umubare w'abafashwe na Covid-19 ndetse n'umubare w'abapfuye waragabanutse mu buryo runaka ugereranije n'uko byari byarateganijwe mbere.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusengera imishinga itandukanye yo kubaka insengero n'amashuri ku isi yose. Sabira abizera gukomeza kugira umutima utanga no gukiranukira Imana bagarura icya cumi n'amaturo.
2. Gusabira abantu bo ku birwa bya Saint Vincent na Grenadine bahura n'izuba rikabije muri iki gihe cy'icyorezo. Basabire kubona imvura n'imigisha y'Imana mu murimo ukorerwa mu matorero.
3. Gusabira abizera b'itorero bahuye n'icyorezo cya covid-19 kandi bakaba bagifitiye ubwoba.
4. Gusaba Imana ngo iduhe ubushishozi no gusobanukirwa neza itandukaniro riri hagati yo kubahiriza ingamba z'isuku zatangajwe n'ubuyobozi bwa Leta no gucengeza amatwa y'ikinyoma mu buryo bwo kuramya.

Umunsi wa 47 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa Gatatu w'isabato 12 Gicurasi 2020

Kwizera Kwa Yesu

"Aho niho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu." - Ibyahishuwe 14:12

"Kwizera mu bushobozi bwa Kristo bwo kuducungura mu buryo bwagutse bwuzuye kandi busendereye ni ukwizera kwa Yesu."

- 3SM 172.3

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Turi mu bihe biheruka. Iki nicyo gihe kuruta ikindi gihe cyose, aho dukwiriye kugira kwizera gushyitse ko Imana ifite ubushobozi bushyitse bwo kuduha ibyo dukeneye byose! Yesu yatanze Ubugingo bwe, arapfa, arazuka kandi Ijambo rye n'amasezerano ye biratuyobora. Ubwe yasezeranye ko azagukorera umurimo wo kugucungura. Mbega igikorwa gitangaje?

Mbese Urifuza kubyizera by'ukuri kandi ukemera uku kuri ko kwahindura imibereho yawe? Mbese urashaka ko Yesu afata kwizera kwawe guke, kudakomeye hanyuma akaguhinduramo kwizera kutajegajega? Kuki utamusaba gukora uyu murimo muri wowe mu gihe wifuza gukora ibigendanye n'ubushake bw'Imana umunsi ku munsi?

RAPORO YO GUSHIMA

Birashimishije kumva umubare w'amatorero yacu, abapasitori, abayobozi, n'abandi bizera barimo gutekereza icyateza imbere umurimo kandi bagashyiraho kuramya, ubusabane n'igihe cy'amasengesho y'abizera b'amatorero bakoresheje ikorana buhanga mu buryo buhoraho. Ibi bizagirira akamaro Itorero mu gihe tugenda tujya mbere kandi bikadutera gutekereza uburyo bushya kandi bwiza bwo kugera kubadukikije bakeneye kumenya Yesu.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira imishinga itandukanye y'umurimo w'Imana n'amavuna y'ivugabutumwa ari kubera mu majyaruguru ya Sulawesi muri Indoneziya.
2. Gusabira abanyeshuri b'Abadiventisti b'i Kayiro, mu Misiri bahanganye n'ikibazo cyo gushobora kugezwaho impano y'ibiribwa izatangwa n'abizera bitewe n'amabwiriza amwe n'amwe abibuzanya.
3. Gusabira abizera b'intwari bo mu karere k'amajyaruguru y'uburengerazuba bwa Nijeriya bashyize ku ruhembe rw'imbere ivugabutumwa bwiza n'ubwo hahura n'ingorane zituruka ku mitwe y'iterabwoba, amabandi n'abagizi ba nabi bibasiye cyane ako karere.
4. Gusabira abanyeshuri bo muri Filipine bahura n'ibibazo bijyanye n'amasomo yigishwa ku Isabato kubera ingengabihe nshya z'amasomo mu gihe cy'icyorezo cya covid-19.

Umunsi wa 48 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa Kane w'isabato, 13 Gicurasi 2020

Kuboneka Kwa Yesu

"Ariko ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda, kuko nintagenda umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda nzamubohereereza."

Yohana 16: 7

"Dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugezaku mperuka y'isi" **- Matayo 28:20**

"Kuva ubu, binyuze kuri Mwuka Wera, Kristo ahora mu buryo buhoraho mu mitima y'abana be. Kugirana ubumwe nawe bituma ababa bugufi kuruta igihe yari kumwe

nabo. Umucyo, urukundo n'imbaraga za Kristo byamurikiye muri bo, ku buryo abantu, bababonye, 'baratangaye; nuko barabamenya, bibuka ko babanye na Yesu. **'Ibyakozwe 4:13.** ”

Steps to Christ, p. 74.1

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Waba warigeze wifuza kubaho mu gihe Yesu yari hano ku isi? Ukifuza kugendana no kuganira na We? Intego ikomeye cyane y’ivugabutumwa ni ukuguha ikintu kirushijeho kuba cyiza! Yesu arashaka gutura muri wowe, akagutera kumera nka we binyuze mu murimo uhindura wa Mwuka Wera. Waba warigeze gusaba Yesu ngo akubatirishe Umwuka Wera kugira ngo wumve ari muri wowe kandi umubone muri wowe? Yesu adusaba gusaba impano ya Mwuka wera buri munsi (Luka 11:13). Ni kuki utararika Kristo ngo ature muri wowe binyuze muri Mwuka wera ubu ngubu?

RAPORO YO GUSHIMA

Hari benshi badukikije biteguye kwakira ubuhamya bwacu no gusobanukirwa neza Ibyanditswe byera kubera iki cyorezo cya covid-19. Imana ishimwe ko yacunguye abantu kugira ngo bazabane nayo ubuziraherezo muri iki gihe cy’icyorezo cya covid-19!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abantu bahanganye n'imbaraga z'abadayimoni kandi bakaba barafashwe nabo. Saba kugira ngo babohorwe bave mu mbaraga za Satani. Sabira imiryango yabo cyane cyane abana bafite ababyeyi bafashwe n'abo badayimoni.
2. Gusabira ibihumbi n'ibihumbi by'amatsinda mashya n'amatorero yamaze guhangwa hirya no hino ku isi kugira ngo akomeze gukomera kandi agire imbaraga muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19.
3. Gusabira abapasitori n'abayobozi b'itorero bo mu bihugu badafite ubuvuzi bwateye imbere.
4. Gusabira Radio z'Abadiventisti kw'isi yose, kugira ngo zigere ku batarabasha kuzumva.

Umunsi wa 49 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa Gatanu w'isabato, 14 Gicurasi 2020

Impuhwe za Yesu

"Uwiteka ni umunyembabazi kandi ni umukiranutsi" - Zaburi 116: 5

"Ubugingo bweguriwe Yesu bwumva buri kumwe nawe,abo nibo bazarokoka umwobo wa gihonomu. Abafarisayo ntibabemeraga kandi babaciragaho iteka; ariko Kristo yabasuhuzaga nk'abana b'Imana.Bitandukanije rwose n'inzu ya Data ariko umutima wa Data ntiwabibagiwe kandi umubabaro wabo n'icyaha cyabo byabaye imbarutso yo gutuma arusho kubagirira impuhwe. Uko bagendaga bamuvaho bajya kure ye, ni ko barushagaho kwifuza cyane ndetse n'igitambo cyo kubarokora. "

COL 186.2

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Ubuntu bw'Imana kuri twe ni igisubizo kiziguye cy'impuhwe zayo nyinshi ku bantu bose bababazwa n'icyaha ndetse n'ingaruka zacyo. Ko uzirikana impuhwe ikugirira nk'uko byagaragariye muri Yesu, ni iki kikubuza kumwiyegurira mu kuri kose, ukamwegurira ibikorwa byawe byose by'umwijima byo muri ubu buzima uyu munsi? Yesu asobanukiwe neza imitwaro yawe, urugamba uriho n'ibikugerageza byose. Afite ubushake burenze bwo kugufasha, kugukiza, kukubabarira, kukuzamura, no kugukomeza. Mbese ntiwamwemerera urukundo rwe, ubuntu bwe n'imbabazi ze bigashongesha kwinangira kwawe atibagiwe ko hari n'ibindi bintu by'Imana utahaga agaciro muri iki gihe?

RAPORO YO GUSHIMIRA

Abadiventisti benshi hamwe n'abandi bakristu basobanukiwe neza ko twabaye Abakristo bakomeza abandi kandi ko twayoboye abagize Itorero neza bakagira ubumuntu. Twari dukeneye umukangurambaga wo kudufasha kugira ngo tubeho imibereho yo kwizera, yo gusenga n'ibitangaza nk'uko byakorwaga mu itorero rya mbere nk'uko bigaragara mu gitabo cy'ibyakozwe n'intumwa. Muri kiriya gihe, abizera ntibari bafite imitungo, impamyabumenyi, inyubako cyangwa ibigo. Nyamara kubera ibigeragezo ndetse no gutotezwa ndetse no kuboneka kw'imbaraga za Mwuka Wera bahinduye isi bajyana ubutumwa bwiza ku isi yose mu gihe cy'imyaka mike cyane.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira amatorero yo muri Jamayika. Sabira abizera bahanganye n'ibibazo by'umutungo twavuga nk''abakozi b'ibitaro by'Urwibutso rwa Andrews n'abarwayi baho muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19.
2. Gusengera abizera b'itorero n'abagize umuryango bahanganye n'ibiyobyabwe nko kureba videwo n'amafoto y'abakora imibonano mpuzabitsina (Pornography), inzoga, isukari irenze idakenewe, firime z'urukozasoni, umuziki ukurura, n'ibindi bintu byangiza umubiri n'imyitwarire idahwitse. Basabire kugira ngo babireke kandi bavane intsinzi muri Kristo.
3. Gusabira Itorero rihereye mu majyepfo ya Windoke muri Namibiya rimaze imyaka icumi rigerageza kwemererwa kugura ubutaka bwo kubakamo urusengero kugira ngo bajye babona aho bateranira.
4. Gusabira abantu bakora mu nzu y'Abadventiste iteka mu migi ihereye i Garana muri Suwede kugira ngo bashobore kugera ku Bantu benshi mu mujyi wabo bajyanye n'ubutumwa bwiza.